MINISITERI Y'URUBYIRUKO
SIPORO, UMUCO NO KWIGISHA
IMYUGA ICIRIRITSE.
B.P. 1044 KIGALI

Kigali, kuwa.20./10/1998

Bwana Chef wa Division/Project (Bose) utegure gahunda y'ibikorwa ya 1999, nukuntu ~~...~~ Mwafatanya na abayobozi ba MIJESCAFOP muri za perefegitura. Inama izaba taliki 16/11/98 – 18/11/98

D. J

Kuri Bwana Umuyobozi
w'Imirimo (Directeur) muri
MIJESCAFOP (Bose)

P.O. 11/11/98

**Binyujijwe kuri :**
Bwana Umunyamabanga
Mukuru muri MIJESCAFOP.

... BANDANA Marc
Secrétaire Général
MIJESCAFOP

**IMPAMVU :**
Inama izahuza Abayobozi
muri MIJESCAFOP n'abayi-
hagarariye muri za perefegitura

Bwana Muyobozi,

Nejejwe no kubandikira mbamenyesha ko abahagarariye MIJESCAFOP muri za Perefegitura basabye inama izabahuza n'abayobozi bose bo muri Minisiteri yacu. Bifuje kandi ko iyo nama yamara iminsi itatu kugirango haboneke umwanya uhagije wo gucocera hamwe ibibazo byinshi bavuga ko ngo bituma imirimo itagenda neza.

Murasanga ku mugereka wiyi baruwa ingingo zinyuranye bifuje gusobanukirwaho nabo tubona ko aribo bashobora kuzisobanura.

Iyo nama tuyiteganije guhera taliki ya 16/11/1998 kugeza kuya 18/11/1998. Hagati aho ariko turifuza ko buri Direction yatugezaho ibiyireba mbere y'impera zuku kwezi kwa cumi kugirango bidufashe gutegura neza iyo nama.

Murakoze kandi mugire amahoro.

Ushinzwe ishami rihuza ibikorwa
byabahagarariye MIJESCAFOP muri za
perefegitura.

**TWAGIRAYEZU INNOCENT**

**INAMA IZAHUZA ABAYOBOZI B'IMIRIMO MURI MIJESCAFOP N'ABAYIHAGARARIYE MURI ZA PEREFEGITURA.**

| N° | INGINGO ZIZASOBANURWA | ABAZAZISOBANURA | UMUNSI NI SAHA BITEGANIJWE |
|---|---|---|---|
| 1 | Inshingano z'Ushinzwe Ishami rihuza ibikorwa byabahagarariye MIJESCAFOP muri za perefegitura nuko agomba gukorana nabo. | Umunyamabanga Mukuru muri MIJESCAFOP | **16/11/1998** kuva saa tanu kugeza saa sita n'igice |
| 2 | Inshingano zabahagarariye MIJESCAFOP muri za perefegitura. | Umunyamabanga Mukuru muri MIJESCAFOP | **16/11/1998** kuva saa munani kugeza saa cyenda n'igice |
| 3 | Uburyo (moyens) Minisiteri ishobora kubabonera kugirango babashe kuzuza inshingano zabo :<br>♦ Moyens matériels<br>♦ Moyens financiers<br>♦ Moyens techniques | Umunyamabanga Mukuru muri MIJESCAFOP | **16/11/1998** kuva saa cyenda n'igice kugeza saa kumi nimwe |
| 4 | Imikoranire yabo na Directions za Minisiteri :<br>♦ Ibyo bayinenga<br>♦ Gahunda ya buri Direction y'umwaka wi 1999 (niya za projets).<br>♦ Gahunda y'umwaka wi 1999 y' Inama Nkuru y'Urubyiruko<br>♦ Uko bazakorana kugirango izo gahunda zishyirwe mu bikorwa. | ♦ Abahagarariye Minisiteri muri za perefegitura.<br>♦ Ba Directeurs na ba Chefs ba za projets<br>♦ Umuyobozi w'Inama Nkuru y'Urubyiruko<br>♦ Ba Directeurs, ba Chefs ba za projets, Umuyobozi w'Inama Nkuru y'Urubyiruko hamwe na Secrétaire Général muri MIJESCAFOP. | 17/11/1998<br>♦ kuva saa mbiri n'igice kugeza saa tatu n'igice.<br>♦ kuva saa tatu n'igice kugeza saa sita<br>♦ kuva saa sita kugeza saa saba<br>♦ kuva saa munani kugeza saa kumi nimwe. |

| | | | |
|---|---|---|---|
| 5 | ♦ Ibibazo byimikoranire ya ba Encadreurs préfectoraux na ba Encadreurs communaux<br><br>♦ Statut ya ba Encadreurs communaux. | ♦ Abahagarariye Minisiteri muri za perefegitura<br><br>♦ Umunyamabanga Mukuru muri MIJESCAFOP | **18/11/1998**<br>♦ kuva saa mbiri n'igice kugeza saa tatu n'igice<br><br>♦ kuva saa tatu n'igice kugeza saa sita n'igice |
| 6 | Canevas ya raporo na plan d'actions n'igihe bigomba kugerera muri Minisiteri. | Ushinzwe Ishami rihuza ibikorwa by'abahagarariye Minisiteri muri za perefegitura. | kuva saa munani kugeza saa cyenda |
| 7 | **Divers :**<br>♦ Ikibazo cy'imyandikire y'abana bajya kwiga muri C.F.J. yi KAVUMU.<br><br>♦ Ikibazo cya caisse sociale.<br><br>♦ Aho dossiers za immatriculation z'abakozi zigeze.<br><br>♦ Ikibazo cya régularisation na côtes z'abakozi. | ♦ Umuyobozi wo Kwigisha Imyuga Iciriritse.<br><br>♦ Umuyobozi w'imirimo rusange muri MIJESCAFOP.<br><br>♦ Umuyobozi w'imirimo rusange muri MIJESCAFOP<br><br>♦ Umuyobozi w'imirimo rusange muri MIJESCAFOP | Kuva saa cyenda n'igice kugeza saa kumi nimwe. |